Republic of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA



# UBUSHAKASHATSI KU BUHINZI

**Igihembwe A**

2025

*Copyright © October, 2025 National Institute of Statistics of Rwanda (NISR). All rights reserved.*

*Iyi ncamake y'ubushakashatsi ku buhinzi itegurwa n'Ikigo cy'Igihugu cy' Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR). Andi makuru yisumbuyeho kuri ubu bushakashatsi aboneka kuri NISR:*

*P.O Box: 6139 Kigali, Rwanda Tel: +250 788 383103*

*Email: info@statistics.gov.rw*

*Cover Photo: MINAGRI, March 2024 Recommended citation:*

*Ikigo cy'igihugu cy' Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) Ubushakashatsi ku buhinzi, Igihembwe cy'ihinga cya 2025 A*

# INTANGIRIRO

Iyi ni incamake ya raporo y'ubushakashatsi ku buhinzi bukorwa buri gihembwe cy'ihinga mu Rwanda. Ubu bushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) gifatanije na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi (MINAGRI).

Ubushakashatsi ku buhinzi bukubiyemo amakuru y'Igihembwe cy'ihinga cya 2025 A. Ibihembwe by'ihinga by'ingenzi birimo Igihembwe A, gitangira muri Nzeri kugera muri Gashyantare umwaka ukuriyeho, Igihembwe B gitangira muri Werurwe kugeza muri Kamena, n'Igihembwe C gitangira muri Nyakanga kikarangira muri Nzeri. Muri ayo makuru harimo agendanye n'ubuso bwahinzweho, umusaruro wabonetse, ikoreshwa ry'inyongeramusaruro ndetse n'amakuru yerekeranye n'ibindi bikorwa bifasha mu kubungabunga ubutaka no kongera umusaruro.

## Aho ubushakashatsi bwakorewe

Ubushakashatsi ku buhinzi bushingiye ku makuru y'ibanze ava mu bahinzi batoranwa hagendewe ku butaka buhingwaho ndetse n'urutonde rw'abahinzi banini. Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A , ubushakashatsi ku buhinzi bukorwa buri gihembwe cy'ihinga bwakorewe mu dupande tw'ibarura 1.200 no mu bahinzi banini 382, bukorwa mu byiciro bibiri; icyiciro cya mbere cyo gutegura imirima no gutera ndetse n'icyiciro cya kabiri cyo gusarura.

Icyiciro cya mbere: Abakarani b'ibarura basuye udupande tw'ibarura n'abahinzi banini, bapima imirima yahinzwe mu rwego rwo kubona ubuso bwahinzwe mu gihembwe cy'ihinga. Muri iki cyiciro hakusanywa amakuru ku butaka bwahinzwe, ibihingwa byatewe, n'ingamba zakozwe mu kurwanya isuri mu mirima.

Icyiciro cya kabiri: Hagendewe ku makuru yakusanyijwe mu cyiciro cya mbere, abakarani b'ibarura basuye abahinzi bose bafite imirima irimo ibihingwa byatewe n'ibizatanga umusaruro muri icyo gihembwe cy'ihinga. Hakusanywa amakuru ku byakoreshejwe mu buhinzi kugira ngo haboneke umusaruro (Imbuto, Ifumbire, Imiti yo kurwanya udukoko, …), umusaruro wabonetse, ikoreshwa ryawo, n'ibindi bikorwa byakozwe mu buhinzi.

Ubu bushakashatsi butanga amakuru ku bihingwa bihingwa mu Rwanda ukuyemo ikawa n'icyayi. Amakuru ku cyayi n'ikawa atangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku Buhinzi n'Ubworozi (NAEB), akusanywa mu bikorwa bisanzwe byo gukurikirana umusaruro w'ikawa n'icyayi.

## Ibipimo by'ingenzi byavuye mu bushakashatsi

Ibipimo by'ingenzi by'ubushakashatsi ku buhinzi mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A bigaragaza uko ubuhinzi bwari buhagaze. Harimo Imikoreshereze y'ubutaka, ubuso bwahinzweho, ingano y'umusaruro wabonetse, ikoreshwa ry'inyongeramusaruro, n'ibindi bikorwa byakozwe mu buhinzi harimo kuhira imyaka, ibikorwa byo kurwanya isuri, n'ikoreshwa ry'imashini.


### a. Imikoreshereze y'ubutaka

Ubuso bw'ubutaka bw'igihugu ni hegitari miliyoni 2.376. Mu gihembwe A, Ubutaka bwakoreshejwe mu buhinzi bwari hegitari miliyoni 1.399 bingana 59% by'ubutaka bwose.

Ibihingwa byerera igihembwe byari ku buso bungana na hegitari miliyoni 1.019, mu gihe ibihingwa bitinda mu murima byari kuri hegitari ibihumbi 492, naho inzuri zari kuri hegitari ibihumbi 96.


© NISR


*Ikoreshwa ry'ubutaka (.000 Ha)*




## b. Ubuso bwahinzwe

Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, ibishyimbo nibyo byahinzwe ku buso bunini ugereranyije n'ibindi bihingwa: hegitari 327.146. Ariko ubuso bwabyo bwaragabanyutse ugereranyije na hegitari 329.001 byari byahinzweho mu gihembwe cya 2024 A.

*Ubuso bwahinzwe (Ha)*






© NISR

## c. Ubuso bwasaruwe

Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, ibishyimbo nibyo byasaruwe ku buso bunini ugeranyije n'ibindi bihingwa: hegitari 327.090, mu gihe ibigori biza ku mwanya wa kabiri: hegitari 242.439.

***Ubuso bwasaruwe (Ha)***




## d. Umusaruro w'igihembwe cya 2025 A


| Ibihingwa | Umusaruro (muri toni) | |
|---|---|---|
| | Igihembwe cya 2025 A | Igihembwe cya 2024 A |
| Ibigori | 481.246 | 507.985 |
| Amasaka | 54.994 | 47.452 |
| Umuceri | 69.680 | 69.098 |
| Ingano | 3.144 | 3.371 |
| Imyumbati | 542.874 | 518.044 |
| Ibijumba | 656.320 | 692.945 |
| Ibirayi | 475.785 | 460.830 |
| Ibikoro & Amateke | 82.307 | 91.306 |
| Ibitoki bitekwa | 590.252 | 587.981 |
| Ibitoki by'imineke | 125.014 | 133.317 |
| Ibitoki byo kwengamo inzoga | 562.968 | 573.386 |
| Ibishyimbo | 230.456 | 233.142 |
| Amashaza | 5.984 | 7.042 |
| Ubunyobwa | 4.678 | 5.328 |
| Soya | 15.657 | 19.171 |
| Imboga | 149.806 | 145.933 |
| Imbuto | 28.440 | 25.250 |

Imbonerahamwe iri hejuru yerekena umusaruro wabonetse mu Rwanda ku bihingwa by'ingenzi byahinzwe mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A n'icya 2024 A. Igaragaza ko ibigori byagize umusaruro ungana na toni 481.246, ibishyimbo byagize tone 230.456, umuceri wagize tone 69.680, ibijumba bigira umusaruro mwinshi ungana na tone 656.320, Imyumbati yagize tone 542.874, ibitoki bitekwa bigira toni 590.252.


© NISR

## e. Ikoreshwa ry'inyongeramusaruro


Ibyavuye mu bushakashatsi bijyanye no gukoresha inyongeramusaruro mu buhinzi (imbuto, ifumbire, n'imiti yo kurwanya udukoko, ibyonnyi n'indwara) byatanzwe hashingiwe ku kigero (%) cy'abahinzi bakoze ibyo bikorwa mu gihembwe cy'ihinga.




## Ikoreshwa ry'imbuto z'indobanure

Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, abahinzi 37,25% nibo bateye imbuto y'indobanure. Ku bijyanye n'ibyiciro by'abahinzi, 35,9% by'abahinzi bato na 85,4% by'abahinzi banini ni bo bateye imbuto z'indobanure.


*Ikoreshwa ry'imbuto z'indobanure (%)*



## Ikoreshwa ry'ifumbire n'imiti yo kurwanya udukoko


Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, 87,96% by'abahinzi bakoresheje ifumbire y'imborera naho 63,18% by'abahinzi bakoresha ifumbire mvaruganda. Ku bijyanye n'ibyiciro by'abahinzi, 88,25% by'abahinzi bato bakoresheje ifumbire y'imborera naho 62,37% bakoresha ifumbire mvaruganda. Ku cyiciro cy'abahinzi banini 77,49% bakoresheje ifumbire y'imborera naho 91,88% bakoresha ifumbire mvaruganda.

***Ikoreshwa ry'Ifumbire* (%)**




Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, abahinzi 41,86% bakoresheje imiti yo kurwanya udukoko mu myaka. Ku bijyanye n'ibyiciro by'abahinzi, 40,6% by'abahinzi bato na 86,91% by'abahinzi banini ni bo bakoresheje imiti yo kurwanya udukoko mu myaka.

***Ikoreshwa ry'imiti yo kurwanya udukoko (%)***







© NISR

## f. Ibikorwa byo kuhira imyaka no kurwanya isuri

Ubushakashatsi bwakusanyije amakuru ajyanye no kuhira imyaka, ibikorwa byo kurwanya isuri, gukoresha imashini mu buhinzi ndetse no gutera ibiti bivangwa n'imyaka. ibipimo bishingiye ku kigero (%) cy'abahinzi bakoze ibyo bikorwa mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A.




Mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, 13,4% by'abahinzi bakoze ibikorwa byo kuhira imyaka. Muri abo, 12% ni abahinzi bato, naho 64,1% ni abahinzi banini.

Na none mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A, 90,3% by'abahinzi bakoze ibikorwa byo kurwanya isuri, aho 90,1% by'abahinzi bato ndetse na 97,4% by'abahinzi banini barwanyije isuri ku butaka bwabo ku buryo burambye. Abahinzi 46,2% bateye ibiti bivangwa n'imyaka, mu gihe 0,9% by'abahinzi ari bo bakoresheje imashini mu mirimo yabo y'ubuhinzi.

## UMUGEREKA

***Icyegeranyo cy'ibipimo by'ingenzi mu gihembwe cy'ihinga cya 2025 A ugereranije n'icya 2024 A***

| Ibihingwa | Ubuso bwahinzwe(Ha) | | Ubuso bwasaruwe (Ha) | | Umusaruro (muri toni) | | Umusaruro kuri Ha (toni/Ha) | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 A | 2024 A | 2025 A | 2024 A | 2025 A | 2024 A | 2025 A | 2024 A |
| Ibigori | 244.095 | 249.435 | 242.439 | 249.276 | 481.246 | 507.985 | 2,0 | 2,0 |
| Amasaka | 40.353 | 34.720 | 40.298 | 34.719 | 54.994 | 47.452 | 1,4 | 1,4 |
| Umuceri | 17.312 | 17.173 | 17.078 | 16.973 | 69.680 | 69.098 | 4,1 | 4,1 |
| Ingano | 2.391 | 2.618 | 2.384 | 2.617 | 3.144 | 3.371 | 1,3 | 1,3 |
| Imyumbati | 247.839 | 251.019 | 40.090 | 38.833 | 542.874 | 518.044 | 13,5 | 13,3 |
| Ibijumba | 82.458 | 95.683 | 78.583 | 88.708 | 656.320 | 692.945 | 8,4 | 7,8 |
| Ibirayi | 54.485 | 54.048 | 54.465 | 53.957 | 475.785 | 460.830 | 8,7 | 8,5 |
| Amateke & Ibikoro | 23.150 | 24.766 | 12.951 | 13.482 | 82.307 | 91.306 | 6,4 | 6,8 |
| Ibitoki | 268.552 | 273.223 | 109.994 | 109.985 | 1.278.234 | 1.294.683 | (NA) | (NA) |
| Ibitoki bitekwa | 104.232 | 102.458 | 41.198 | 40.365 | 590.252 | 587.981 | 14,3 | 14,6 |
| Ibitoki by'imineke | 40.540 | 44.094 | 15.455 | 15.503 | 125.014 | 133.317 | 8,1 | 8,6 |
| Ibitoki byo kwengamo inzoga | 123.780 | 126.671 | 53.341 | 54.118 | 562.968 | 573.386 | 10,6 | 10,6 |
| Ibishyimbo | 327.147 | 329.001 | 327.090 | 328.961 | 230.456 | 233.142 | 0,7 | 0,7 |
| Amashaza | 9.882 | 10.245 | 9.880 | 10.244 | 5.984 | 7.042 | 0,6 | 0,7 |
| Ubunyobwa | 10.832 | 9.563 | 10.832 | 9.563 | 4.678 | 5.328 | 0,4 | 0,6 |
| Soya | 29.361 | 31.515 | 29.361 | 31.513 | 15.657 | 19.171 | 0,5 | 0,6 |
| Imboga | 20.780 | 19.142 | 19.815 | 18.322 | 149.806 | 145.933 | 7,6 | 8,0 |
| Imbuto | 14.021 | 10.332 | 5.705 | 5.378 | 28.440 | 25.250 | 5,0 | 4,7 |


© NISR